*Repubulika y'u Rwanda*
*Umujyi wa Kigali*

**AKARERE KA KICUKIRO**

## ITANGAZO

Nshingiye ku ibaruwa N° 1285 yo ku wa 07/12/2021 Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) yandikiye Uturere asaba guhitamo abarimu 10 muri buri Karere bazahabwa buruse;

Akarere ka Kicukiro karamenyesha abarimu bakorerera mu Karere babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko inyandiko zisaba buruse ziri kwakirwa ku biro by'Akarere kugeza ku wa kabiri tariki ya 21/12/2021 saa kumi z'umugoroba.

Bikorewe Kicukiro, ku wa ..14..../12/2021

**UMUTESI Solange**
Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro

REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

Kigali, ku wa ....02...../12/2021

Nº..1295.REB/TDM&CGC/2021

Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere (Bose)
Madamu/Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose)

**Impamvu: Gutoranya no kohereza abarimu bazahabwa buruse (Scholarship)**

Madamu/ Bwana Muyobozi,

Mu rwego rwo kuzamura imibereho myiza ya mwarimu no gukomeza guteza imbere ubushobozi bwe, guhera mu mwaka wa 2020-2021, Minisiteri y'Uburezi yahaye buruse **(Scholarship)** abarimu 293 bize Uburezi bo ku rwego rwa A2 na A1 kugira ngo babone impamyabumenyi yisumbuye yo mu rwego rwa A0.

Abarimu bafite A2 baziga imyaka itatu, naho abarimu bafite A1 baziga mu gihe cy'imyaka ibiri kugira ngo babone impamyabumenyi y'ikiciro cya A0.

Nshingiye ku ibaruwa **Nº 0286/REB/TDM&CGC/21 yo kuwa 19/05/2021**, yabagezagaho inyandiko izifashishwa mu micungire y'abarimu bahawe buruse na HEC ndetse inabasaba gufasha abo barimu mu kubasabira uruhushya rwo kujya mu mahugurwa hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko, nejejwe no kubasaba ko mwatugezaho urutonde rw'abo barimu bemerewe kujya kwiga, mugaragaza kuri buri wese ikiciro k'impamyabumenyi afite, ibyo yize ndetse n'ibyo yiga ubu.

Muri uyu mwaka wa 2021-2022, Ikigo gishinzwe Amashuri Makuru (HEC) kibinyujije mu rwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) kizatanga buruse ku bandi barimu 300.

Ni muri urwo rwego, tubasaba ko buri Karere kahitamo abarimu icumi (10) barimo 8 barangije A2 mu burezi na 2 barangije A1 mu burezi. Ingingo zigomba kwifashishwa mu gutoranya abo barimu ni izi zikurikira:

- kuba ari umunyarwanda
- kuba afite imyaka iri munsi ya 35
- kuba afite A2 cyangwa A1 mu mashuri nderabarezi (Normale primaire, TTC, Colleges of Education) kandi yararangizanyije amanota amwemerera gukomeza kwiga amashuri makuru na kaminuza.
- kuba nyuma y' igihe cyigeragezwa, afite nibura uburambe mu kazi butari munsi y' imyaka itatu (3)
- kuba ari inyangamugayo
- kuba atarigeze ahagarikwa mu kazi mu gihe kingana n'amezi atatu (3)
- kuba atarakatirwa burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6)
- Byibuze 50% by' aba barimu bazatoranywa bagomba kuba ari abagore (Female Teachers)
- Kuba nibura 60% barize amasomo ajyanye n'imibare na siyansi (Mathematics and Sciences)

Akanama gashinzwe gutoranya abarimu ku rwego rw'Akarere kagomba kuba kagizwe n'Umukozi umwe ushinzwe uburezi mu Karere (Education Unit), Umukozi ushinzwe abakozi (Human Resource), Umuyobozi w'ishuri n'Umwarimu uhagarariye abandi.

Urutonde rw'abarimu batoranyijwe muri buri Karere rugomba kugezwa kuri REB bitarenze tariki ya 29 Ukuboza 2021 kandi mukanohereza soft copy kuri email: info@reb.rw no kuri email: aingabire@reb.rw.

Mu gihe abo barimu bazaba bemerewe gutangira kwiga, bagomba kuzakomeza guhembwa umushahara wabo hubahirijwe amategeko agenga umukozi wa Leta wahawe uburenganzira bwo gukomeza kwiga.

Mugire amahoro

RWANDA BASIC EDUCATION BOARD (REB)

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**
Umuyobozi Mukuru

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Nyakubahwa Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ikoranabuhanga n'Ubumenyingiro
- Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Madamu/Bwana Guverineri w'Intara (Bose)
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho/MINEDUC
- Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Amashuri Makuru